REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'IBIKORWAREMEZO

# IGENAMIKORERE RY'URUGAGA RW'AKARERE RUSHINZWE AMAZI, ISUKU N'ISUKURA

NYAKANGA 2020

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'IBIKORWAREMEZO**

# IGENAMIKORERE RY'URUGAGA RW'AKARERE RUSHINZWE AMAZI, ISUKU N'ISUKURA

**NYAKANGA, 2020**

# IJAMBO RY'IBANZE

Guverinoma y'u Rwanda (GoR) ifata itangwa rya serivisi z'amazi, isuku n'isukura ryizewe kandi rirambye nk'urufunguzo rw'iterambere mu mibereho myiza, mu bukungu, mu buzima no mu iterambere rusange ry'Igihugu. Ni yo mpamvu amazi, isuku n'isukura byagizwe kimwe mu byihutirwa mu ngamba za gahunda y'iterambera rya Guverinoma y'u Rwanda nkuko bigaragarira mu nyandiko za politiki z'Igihugu no mu igenamigambi nk' icyerekezo cy'u Rwanda cya 2050, politiki y'igihugu yo gukwirakwizwa amazi n'iy'isukura, na gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 (NST1). Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) (2017-2024) iteganya ko abaturage bose bazaba bamaze kwegerezwa serivisi n'ibikorwa remezo by'amazi n'isukura ku kigero cya 100%, mu gihe inyigo ya 5 y'ibarura ku mibereho y'abaturage igaragaza ko 87.4% aribo bonyine bagezweho na serivizi z'amazi naho 86.2% bagezweho na serivisiz'isukura ryujuje ibyangombwa.

Kugira ngo izi ntego zashyizweho zigerweho, ni ngombwa ko Uturere tubigiramo uruhare kandi tugafata iyambere mu gutanga serivisi z'amazi, isuku n'isukura. Bityo rero ni ngombwa gushyiraho itsinda rigomba gukurikirana igenamigambi, itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga y'amazi, isuku n'isukura. Ni yo mpamvu, Uturere twahawe ububasha binyuze mu mabwiriza ya Minisiteri (Minisiteri y'ibikorwa remezo), bwo gushyiraho Urugaga rushinzwe amazi, isuku n'isukura mu Karere. Intumbero nyamukuru y'Urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura (DWASHB) nk'uko byagaragajwe mu mabwiriza ya Minisiteri y'Ibikorwaremezo, yari "ugufasha mu itangwa rya serivisi z'amazi n'isukura rirambye binyuze mu micungire myiza y'ibikorwa remezo by'amazi.

N'ubwo Urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura rwashyizweho mu Turere twose, rubura inyandiko z'ingenzi zarufasha kugera ku intego zarwo. Ni muri urwo rwego Igenamikorere (SOPs)

ryashyizweho. Gushyiraho iryo genamikorere byashingiye ku isesengura, ryagaragaje imikorere idahwitse y'Urugaga rushinzwe amazi, isuku n'isukura mu Turere.

Igenamikorere ryashyizweho rigizwe n'ibice bine aribyo ibi bikurikira:

(i) amategeko areba abanyamuryango ashyiraho uburyo, imikorere n'imicungire y'Urugaga;

(ii) uburyo bwo gutera inkunga bugaragaza ibikorwa by'Urugaga bikeneye guterwa inkunga n'agaciro bya buri gikorwa kandi n'uburyo inkunga izaboneka;

(iii) umurongo ngenderwaho w'igenzura n'isuzuma bikorwa(M&E) uzafasha Urugaga kugenzura itangwa rya serivisi z'amazi, isuku n'isukura;

(iv) uburyo bwo gukora raporo butanga umurongo w'ibikorwa, uburyo bikorwa, n'aho Urugaga rugomba gutanga raporo.

Iri genamikorere rigamije gufasha Urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura gutanga umusaruro utubutse binyuze mu kunoza imikorere yarwo. Twizerako abagize Urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura (DWASHB) bazasanga iri genamikorere ari ingirakamaro mu kubafasha kugera ku ntego n'ingamba bahawe.

**Patricie UWASE**
**Umunyamabanga Uhorah**

# GUSHIMIRA

Minisiteri y'Ibikorwa remezo ifatanyije n'Ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amazi n'isukura (WASAC Ltd), mu izina rya Leta y'u Rwanda, barashimira abafatanyabikorwa mu iterambere bakurikira: USAID, CRS, na SNV ku nkunga ya tekiniki n'imari batanze, binyuze mu mushinga wa Gikuriro, kugira ngo hashyirweho igenamikorere ry'Urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura.

Turanashimira kandi ibigo bya Leta, Imiryango idashamikiye kuri Leta, ku bwitange bagize batanga inyunganizi zishoboka mu kunoza iri genamikorere.

Tukarangiza kandi dushimira abagize itsinda rya Minisiteri y'Ibikorwa remezo rya tekiniki ryiga ku mazi, n'isukura (Water and Sanitation Thematic Working Group) batanze umwanya wabo mu gusuzuma bakanatanga ibitekerezo ku buryo iri genamikorere ryanozwa kugeza ryemejwe burundu.

# ISHAKIRO

***IJAMBO RY'IBANZE ..........................................................ii***

***GUSHIMIRA ..................................................................iv***

***INTANGIRIRO ..............................................................10***

***UMUTWE WA MBERE: AMABWIRIZA AGENGA IMIKORERE Y'URUGAGA RW' AKARERE RUSHINZWE AMAZI, ISUKU N'ISUKURA..............................................................13***

**1.1: Ingingo rusange ..............................................................13**

**1.2: Imiterere y'urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura…………………………………………………………………………. 13**

1.2.1 Umuyobozi w'itsinda..............................................................13
1.2.2 Komite Nyobozi…………………………………………………………………………….14
1.2.3: Komite za tekiniki…………………………………………………..……………….15
Komite ishinzwe imari…………………………………………………………………..……….15
Komite y'ikwirakwizwa ry'amazi……………………………………………………………….16
Komite y'isuku n'isukura…………………………………………………………….……….17

**1.3: Ubunyamuryango, inshingano, igihe ubuyobozi bumara, no gushyiraho abagize Urugaga….. ..............................................19**

1.3.1: Ubunyamuryango………………………………………………………………….19
1.3.2: Inshingano z'abagize amatsinda……………………………………………20
1.3.3: Igihe ubuyobozi bumara………………………………………………………….22
1.3.4: Uburyo bwo gushyiraho/guhitamo/gutora abagize Urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura......................................22

**1.4: Ibikorwa by'urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura………………………………………………………….…………………24**

1.4.1: Inama…………………………………………………………………………………….24
1.4.2: Gusura aho ibikorwa remezo byubatse…………………………………24

**1.5: Imyitwarire y'abagize urugaga .......................................24**

***UMUTWE WA 2: UBURYO BWO GUTERA INKUNGA .............26***

2.1. Ibikorwa by'urugaga bikenera inkunga .................................. 26

2.2. Agahimbazamushyi k'abagize urugaga .................................. 26

2.3. Ingengo y'imari y'urugaga ku mwaka .................................. 27

2.4. Aho inkunga y'imari izaturuka .............................................. 29

***UMUTWE WA 3: IMIRONGO NGENDERWAHO IJYANYE N' ISUZUMA N'IGENZURA.......................................................30***

3.1. Intangiriro............................................................................ 30

3.2. Intego……………………………………………………………………………31

3.3. Ubusobanuro bw'ibigaragaza ibikorwa.................................. 32

***UMUTWE WA 4: UBURYO BWO GUKORA NO GUTANGA RAPORO...................................................................40***

4.1: Intangiriro............................................................................ 40

4.2: Intego y'uburyo bwo gukora raporo ..................................... 40

4.3. Inzira zo gukora raporo ........................................................ 40

4.4. Igihe n'inshuro raporo zizajya zitangwa................................. 42

4.5 Ibikubiye muri raporo y'urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura ........................................................................... 43

***UMUTWE WA 5: INGINGO ZISOZA ...................................44***

5.1: Ikurwaho ry'ingingo ............................................................ 44

5.2: Igihe igenamikorere ritangira gukurikizwa............................. 44

# URUTONDE RW'AMAGAMBO Y'IMPINE

| IMPINE | UBUSOBANURO MU MAGAMBO ARAMBUYE |
|---|---|
| CRS | Umuryango Mpuzamahanga w'Ubutabazi w'Abepisikopi Gatolika b'Abanyamerika |
| DWASHB | Urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura |
| V/FED | Umuyobozi w' Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'imari n'ubukungu |
| FEPEAR | Ihuriro rya ba rwiyemezamirimo batanga serivisi z'amazi n'isukura |
| GoR | Guverinoma y'u Rwanda |
| JADF | Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere |
| M&E | Isuzuma n'igenzura |
| MINECOFIN | Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi |
| MININFRA | Minisiteri y'ibikorwaremezo |
| NGO | Imiryango itegamiye kuri Leta |
| NST1 | Gahunda ya Leta y'imyaka 7 igamije impinduka mu Iteramere |
| RURA | Urwego rw'Igihugu Rushinzwe kugenzura Imirimo Imwe n'Imwe Ifitiye Igihugu Akamaro |
| SNV | Umuryango Mpuzamahanga w'Abaholandi Uharanira Iterambere |
| SOPs | Igenamikorere |
| UNICEF | Ishami ry'Umuryango w'abibumbye ryita ku bana |

| | |
|---|---|
| USAID | Ikigega cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga |
| WASAC | kigo Gishinzwe gutanga serivisi z'amazi n'isukura |
| WASH | Amazi, Isuku n'Isukura |
| WASH MIS | Ubushyinguro bw'inyandiko z'Amazi, Isuku n'Isukura mu Rwanda |
| WATSAN | Amazi n'Isukura) |

# INTANGIRIRO

Urugaga rw' Akarere rushinzwe Amazi, Isuku n'Isukura (DWASHB) rwashyizweho hashingiwe ku mabwiriza ya Minisiteri y'Ibikorwaremezo (MININFRA) agaragaza intego, ibigamijwe, ubunyamuryango n'ibikorwa byose by'Urugaga. Aho bigeze ubu, uturere twose tw'u Rwanda twashyizeho Urugaga rushinzwe amazi, isuku n'isukura.

Ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amazi n'isukura (WASAC Ltd) gifite inshingano zo gutanga ubufasha mu bya tekinike ku turere kugira ngo hongerwe uburyo bwo kubona serivisi z'amazi n'isukura no gukurikirana imicungire y'ibikorwa remezo by'amazi n'isukura.

Mu rwego rwo kugera ku ntego, Ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amazi n'isukura (WASAC Ltd) kirateganya kongerera ubushobozi urwo rugaga binyuze mu nkunga mu bya tekiniki n'imari yatanzwe n'umushinga wa Gikuriro w'imyaka 5 wibanda ahanini ku bikorwa by'imirire, amazi, isuku n'isukura, ukaba uterwa inkunga n'Ikigega cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) , ugashyirwa mu bikorwa ku bufatanye hagati y'Umuryango mpuzamahanga w'ubutabazi w'abepisikopi Gatolika b'abanyamerika (CRS) n'umuryango mpuzamahanga w'Abaholandi uharanira iterambere (SNV).

Muri urwo rwego, habaye inama nyunguranabitekerezo ku mikorere y'urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura mu turere tune (4) mu munani tugize igice umushinga wa Gikuriro ukoreramo; utwo tureretune (4) tukaba ari Ngoma, Kicukiro, Nyanza, na Nyabihu. Abagize urugaga rw'amazi, isuku n'isukura mu turere twavuzwe

haruguru, ibigo bya Leta n'imiryango itegamiye kuri Leta (NGOs) nka Minisiteri y'Ibikorwa remezo (MININFRA), Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), Urwego Ngenzuramikorere (RURA), Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bana (UNICEF), ihuriro rya ba rwiyemezamirimo batanga serivisi z'amazi n'isukura (FEPEAR) n'Umuryango utegamiye kuri Leta Ushinzwe gukwirakwiza amazi mu baturage (Water for People) bagishijwe Inama.

Ibyavuye mu biganiro n'amakuru yatanzwe, byagaragaje ko imikorere y'Urugaga rw' Akarere rushinzwe Amazi, Isuku n'Isukura itandukanye bijyanye n' Akarere ahanini bitewe no kubura inyandiko ya ngombwa yemewe isobanura uburyo bw'imikorere igenga abanyamuryango, uburyo bwo gutera inkunga ibikorwa by'Urugaga, amabwiriza y'isuzuma n'igenzura, n'uburyo bwo gukora raporo.

Iyo nyandiko yavuzwe haruguru yarakozwe yitwa "***Igenamikorere ry'Urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura"***, kandi zitezweho kuzafasha mu kuzamura imikorere y'urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura kandi ari nako zifasha mu kunoza itangwa rya serivisi z'amazi, isuku n'isukura mu Rwanda.

Mu igenamikorere, *amabwiriza agenga abanyamuryango* ashyiraho uburyo burambuye bw'imikorere ireba abagize urugaga rw' Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura, kandi agasobanura inshingano za buri muntu uri mu rugaga. *Uburyo bwo gutera inkunga* bugaragaza ku buryo bwimbitse, ibikorwa by'urugaga n'ingengo y'imari yarwo n'uburyo yaboneka. *Uburyo bw'isuzuma n'igenzura* butanga umurongo wo gusuzuma no kugenzura ibikorwa by'amazi, isuku n'isukura mu gihe uburyo bwo gutanga raporo bugaragaza

ibiyikubiyemo, uburyo kandi n'aho Urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura rugomba gutanga raporo.

# UMUTWE WA 1: AMABWIRIZA AGENGA IMIKORERE Y'URUGAGA RW'AKARERE RUSHINZWE AMAZI, ISUKU N'ISUKURA

## 1.1: Ingingo rusange

### 1.1.1: Ikigamijwe

Intego y'aya mabwiriza y'abanyamuryango ni ukunganira amabwiriza ya Minisiteri ashyiraho urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura binyuze mu gushyiraho umurongo ngenderwaho, ibikorwa, amabwiriza agenga imyitwarire, inshingano by'abagize urugaga kugira ngo hashyirweho imikorere inoze y'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura

### 1.1.2: Abo bireba

Aya mabwiriza azaba areba buri wese uri mu rugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura uretse aho biteganyijwe ukundi.

## 1.2: Imiterere y'urugaga rw'akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura.

### 1.2.1 Umuyobozi w'itsinda

Umuyobozi w'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura afite ububasha bwo kuyobora. Azajya ahuza kandi ayobore ibikorwa byarwo kandi azajya atanga ibisobanuro kuri komite njyanama y'Akarere ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ifatwa n'Urugaga.

### 1.2.2 Komite Nyobozi

Umuyobozi w'urugaga, uwo bafatanyije kuyobora, Umwanditsi n'uhagarariye buri komite ya tekiniki nibo bazaba bagize komite Nyobozi. Komite Nyobozi ifite uburenganzira bwose bwo gutumira mu nama undi muntu uwo ari we wese cyangwa umwe mu bagize urugaga rw'Akarere rw'amazi, isuku n'isukura.

Umuyobozi mukuru ayobora inama za komite Nyobozi. Inama ya komite Nyobozi izajya iba byibuze rimwe mu gihemwe, um byumweru bibiri mbere y'inama rusange y'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura.

Imyanzuro y'inama ya komite Nyobozi izajya itegurwa n'umwanditsi w'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura (DWASHB) isinyweho n'umuyobozi mukuru. Iyo myanzuro izajya yohererezwa abagize urugaga bose byibuze imisi irindwi (7) mbere y'inama rusange kugira ngo bayimenyeshwe kandi bayishyire mu bikorwa.

Komite Nyobozi ifite inshingano zikurikira:

1) Gutegura igenamigambi ry'urugaga kandi ikurikirane ishyirwa mu bikorwa byaryo.
2) Gufasha umuyobozi mukuru mu kuzuza inshingano z'urugaga
3) Gutegura no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ry'urugaga
4) Kwemeza gahunda y'inama rusange y'urugaga.
5) Kwemeza ishyirwaho no kugenzura imikorere ya za komite za tekeniki.

6) Kwemeza no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'urugaga.

### 1.2.3: Komite za tekiniki

Urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura ruzagira komite za tekiniki eshatu. Ubunyamuryango bw'izo komite buzakurikiza ibi bikurikira:

1. Buri wese uri mu rugaga aziyandikisha muri imwe mu ma makomite ya tekiniki uretse abazaba bagize komite Nyobozi.
2. Komite Nyobozi izajya isuzuma uko abagize urugaga biyandikisha kandi yemeze ubunyamuryango muri komite hakurikijwe; icyo abagize komite bifuza, umubare w'abagize buri komite, inshingano za komite, n'ibindi.

Ugize komite ya tekeniki ashobora kwimukira mu yindi komite hakurikijwe ubusabe bwe cyangwa abisabwe na komite Nyobozi.

### Komite ishinzwe imari

Komite ishinzwe imari izaba igizwe byibura n'abantu batatu (3): Umuhuzabikorwa n'abagize komite babiri. Abagize komite ishinzwe imari bazajya batorwa n'abagize urugaga, bamare kuri iyo myanya igihe kingana n'icyabagize urugaga. Ugize Komite ishinzwe imari ntashobora kuba mu yindi komite ya tekiniki mu gihe akiri muyishinzwe imari.

Inama ya Komite ishinzwe imari izajya iterana byibuze rimwe mu gihembwe, mu byumweru bitatu mbere y'inama rusange y'urugaga, n'icyumweru kimwe mbere y'inama ya komite Nyobozi.

Komite ishinzwe imari izajya ireberera ibijyanye n'imari mu rugaga inatange inama za tekiniki kuri komite Nyobozi. By'umwihariko Komite ishinzwe imari izagira inshingano zikurikira:

- Gutegura ingengo y'imari y'ibikorwa by'urugaga;
- Gukurikirana imikoreshereze y'ingengo y'imari yagenewe amazi, isuku n'isukura;
- Kugenzura ikusanywa n'ikoreshwa ry'imisanzu itangwa na ba rwiyemezamirimo batanga serivisi z'amazi, isuku n'isukura;
- Gukurikirana isesengurwa rya za raporo z'imari z'abatanga serivisi z'amazi, isuku n'isukura no gutanga inama hakurikijwe ibyagaragaye;
- Gutanga inama ku bashaka isoko ryo kubaka no gucunga ibikorwa remezo by'amazi.

## Komite y'ikwirakwizwa ry'amazi

Komite y'ikwirakwizwa ry'amazi izaba igizwe byibuze n'abantu bane (4): Umuhuzabikorwa n'abandi batatu. Abagize komite y'ikwirakwizwa ry'amazi bazajya batorwa bavuye mu bagize urugaga, bakazajya bamara igihe kingana n'icyabagize urugaga. Ugize komite y'ikwirakwizwa ry'amazi ntabwo azaba mu yindi komite ya tekiniki mu gihe akiri mu y'ikwirakwizwa ry'amazi.

Inama ya komite y'ikwirakwizwa ry'amazi izajya iba byibuze rimwe mu gihembwe, mu byumweru bitatu mbere y'inama rusange y'urugaga kandi icyumweru kimwe mbere y'inama ya komite nyobozi.

Bimwe mubyo Komite y'ikwirakwizwa ry'amazi izaba ishinzwe ni ibi bikurikira:

- Kugenzura ikurikizwa ry'ibiciro by'amazi byashyizweho n'urwego Ngenzuramikorere (RURA);
- Gukurikirana imitangire ya serivisi zihabwa abaturage (amasaha serivisi imara, ubuziranenge bw'amazi atangwa, uburyo ibibazo bikemurwa, igihe imiyoboro y'amazi yangiritse isanirwa, igihe bitwara kugira ngo uwasabye ivomero mu rugo aribone, n'ibindi)
- Gukurikirana iyubahirizwa ry'ubuziranenge mu kubaka ibikorwa remezo by'amazi;
- Gukurikirana imikorere y'ibikorwa remezo by'amazi no kugira inama Akarere uko bikwiye;
- Gusesengura amakuru y'ikwirakwizwa ry'amazi atangwa mu bushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS) no kugira inama Akarere ku byihutirwa mu kugena ingengo y'imari igenerwa ibikorwa remezo by'amazi;
- Gukora ubuvugizi kugira ngo amazi agere mu mashuri, mu bigo nderabuzima n'ahandi hose hahurira abantu benshi;
- Gukurikirana ko Uturere na ba rwiyemezamirimo batanga serivisi bakurikiza ibikubiye mu masezerano;

## Komite y'isuku n'isukura

Komite ya tekiniki y'isuku n'isukura izaba igizwe byibuze n'abantu bane (4): Umuhuzabikorwa n'abandi batatu. Abagize komite y'isuku n'isukura bazajya batorwa bavuye mu bagize urugaga, bakazajya bamara igihe kingana n'icyabagize urugaga. Ugize komite y'isuku n'isukura ntagomba kuba mu yindi komite ya tekiniki mu gihe akiri mu y'isuku n'isukura. Inama ya Komite y'isuku n'isukura izajya iba byibuze rimwe mu gihembwe, mu byumweru bitatu mbere y'inama rusange y'urugaga kandi icyumweru kimwe mbere y'inama ya komite nyobozi.

Bimwe mu byo Komite y'isuku n'isukura izaba ishinzwe harimo ibi bikurikira:

- Kugenzura iyubahirizwa ry'ibiciro by'isuku byashyizweho n'Urwego rubifitiye ububasha;
- Gukurikirana uburyo serivisi zihabwa abatuye Akarere zitangwa (gukusanya no gutwara imyanda y'ibishingwe ivuye mu ngo, isuku mu bigo nderabuzima n'ahandi hose hahurira abantu benshi);
- Gukurikira iyubahirizwa ry'ubuziranenge mu myubakire y'ibikorwa remezo by'isuku n'isukura.
- Gukurikirana imicungire y'ahagenewe kumenwa imyanda y'ibishingwe no kugira inama Uturere uko bikwiye;
- Gusesengura amakuru y'isuku n'isukura atangwa mu bushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS) no kugira inama Uturere ku byihutirwa mu kugena ingengo y'imari yakoreshwa mu bikorwa remezo by'isuku n'isukura;
- Gukora ubuvugizi kugira ngo serivisi n'ibikoresho by'isuku n'isukura bigere mu mashuri, mu bigo nderabuzima n'ahandi hantu hose hahurira abantu benshi;
- Gukurikirana ko Uturere naba rwiyemezamirimo batanga serivisi bubahiriza ibikubiye mu masezerano.

## 1.3: Ubunyamuryango, inshingano, igihe ubuyobozi bumara, no gushyiraho abagize urugaga

### 1.3.1: Ubunyamuryango

Abagize urugaga rw'amazi, isuku n'isukura mu Karere bazaba bagizwe n'aba bakurikira:

1. Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imari, ubukungu n'iterambere (*Umuyobozi w'urugaga*);
2. Ushinzwe amazi, isuku n'isukura (WASH) mu ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) (uwunganira *Umuyobozi w'urugaga*);
3. Umukozi w'Akarere ushinzwe amazi n'isukura (Umunyabanga w'urugaga);
4. Uhagarariye Njyanama y'Akarere (umunyamuryango);
5. Umukozi w'ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amazi n'isukura (WASAC Ltd) utanga ubufasha mu mazi n'isukura mu karere (umunyamuryango);
6. Umukozi w'Akarere ushinzwe isuku n'isukura (umunyamuryango);
7. Uhagarariye komite y 'abavomesha (umunyamuryango);
8. Uhagarariye abayobozi b'abarimu ku rwego rw'akarere (umunyamuryango;
9. Uhagarariye abayobozi b'ibigo nderabuzima/amavuriro mu Karere (umunyamuryango);
10. Umuyobozi w'ishami ry'ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amazi n'isukura (WASAC Ltd) (umunyamuryango);
11. Umukuru w'ingabo mu Karere (umunyamuryango);
12. Umukuru wa polisi (DPC) mu karere (umunyamuryango);

13. Uhagarariye ba rwiyemezamirimo batanga serivisi z'amazi (umunyamuryango);
14. Uhagarariye ba rwiyemezamirimo batanga serivisi z'isukura (umunyamuryango).

**Icyitonderwa 1**: Urugaga rushobora gutumira undi muntu ukenewe igihe bibaye ngombwa.

### 1.3.2: Inshingano z'abagize amatsinda

Kugira ngo urugaga rushinzwe amazi, isuku n'isukura rubashe gukora neza runatange umusaruro, ni ngombwa ko abanyamuryango bahabwa inshingano zihariye. Iki gika kiragaragaza mu buryo burambuye inshingano za buri munyamuryango ugize komite.

#### 1.3.2.1 Inshingano z'umuyobozi w'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura

Umuyobozi w'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku, n'isukura afite inshingano zikurikira:

1. Guhuza ibikorwa byose by'urugaga muri rusange;
2. Gutumiza no kuyobora inama ya komite Nyobozi n'inama rusange y'urugaga;
3. Kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya komite Nyobozi n'inama rusange z'urugaga;
4. Kwemeza raporo, incamake z'inama, n'imyanzuro ireba urugaga.

#### 1.3.2.2 Inshingano z'uwunganira umuyobozi w'urugaga rw'akarere rushinzwe'amazi, isuku n'isukura

Uwunganira umuyobozi w'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura afite inshingano zikurikira:

1. Kuyobora by'agateganyo igihe umuyobozi adahari;
2. Gufasha umuyobozi kuyobora urugaga;
3. Gukurikiranira hafi ibikorwa bya za komite;
4. Gukora ibindi bikorwa by' urugaga biri mu nshingano ze igihe bibaye ngombwa.

**1.3.2.3 Inshingano z'umwanditsi w' urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura**

Umwanditsi w'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura afite inshingano zikurikira:

1. Gukusanya raporo z'abagize za komite;
2. Kumenyesha urugaga ibyavuye muri raporo za ba rwiyemezamirimo;
3. Gutegura incamake y'ibyavugiwe mu nama y'urugaga;
4. Gutegura gahunda y'inama igomba kwemezwa na Komite Nyobozi kandi akayisangiza abandi;
5. Gukora inshingano nyobozi mu rugaga;
6. Gutegura no gutanga ibikenerwa ku muyobozi ushinzwe ingengo y'imari mu Karere.

**1.3.2.4 Inshingano z'abandi bagize urugaga**

Abandi bagize komite bose bazajya:

1. Biyandikisha kandi bitabire inama za komite ya tekiniki;

2. Bagira uruhare mu gusangiza amakuru bagenzi babo, kwiga, gushakira umuti, gutanga inama no gukora ubuvugizi ku bibazo birebana n'ibyo bahagarariye.

### 1.3.3: Igihe ubuyobozi bumara

Abagize urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura bazajya bamara igihe gihwanye n'icyo abagize inama njyanama y'akarere bamara. Abahagarariye komite y'abavomesha amazi ntabwo bazajya baba mu buyobozi inshuro ebyiri zikurikiranye kugira ngo habeho isaranganya.

Igihe cyo kuyobora cy'abandi bagize Urugaga kizajya giterwa n'imirimo yabo, niyo mpamvu bashobora kuyobora inshuro irenze imwe bikurikiranyije.

### 1.3.4: Uburyo bwo gushyiraho/guhitamo/gutora abagize urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura

#### A. Ubunyamuryango bitewe n'inshingano

Aba bakurikira bazaba bagize Urugaga bitewe n'inshingano bafite:

- Umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe imari, ubukungu n'iterambere (V/FED) (Umuyobozi *mukuru w'urugaga*);
- Ushinzwe amazi, isuku n'isukura (WASH) mu ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) (uwungirije *umuyobozi w'urugaga*);
- Ushinzwe amazi n'isukura mu karere (umunyamabanga);
- Umukozi w'ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amazi n'isukura (WASAC Ltd) utanga ubufasha mu mazi n'isukura mu Karere;

- Umukozi w'Akarere ushinzwe isuku n'isukura;
- Umuyobozi w'ishami ry' ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amazi n'isukura (WASAC Ltd);
- Umuyobozi uhagarariye abarimu ku rwego rw'Akarere;
- Umuyobozi uhagarariye abayobozi b'amavuriro /ibigo nderabuzima biri mu Karere
- Umuyobozi w'ingabo mu Karere;
- Umuyobozi wa polisi mu Karere;
- Uhagarariye ba rwiyemezamirimo batanga serivisi z'amazi
- Uhagarariye ba rwiyemezamirimo batanga serivisi z'isukura.

**B. Abazajya batorwa**

- *Uhagarariye njyanama y'Akarere*
  Uhagarariye Njyanama y'Akarere azajya atorwa n'abagize Njyanama y'Akarere.
- *Uhagarariye komite z'abavomesha amazi*

Uhagarariye komite z'abavomesha amazi ku rwego rw'umudugudu azajya atorwa n'abagize komite y'abavomesha amazi ku mavomo yo mu mudugudu. Amatora azajya akomeza bihereye mu nzego z'ibanze kugeza hejuru, aho uhagarariye abandi azatorerwa. Ku rwego rw'akagari umukozi ushinzwe Imibereho myiza, ubukungu n'iterambere (SEDO) azajya ahagararira amatora; Umukozi ushinzwe amazi n'isukura mu karere (WATSAN) azajya afasha mu matora y'uhagarariye komite z'abavomesha amazi ku rwego rw'Akarere.

## **1.4**: Ibikorwa by'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura

### **1.4.1**: Inama

Urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura ruzajya rukora inama rimwe mu gihembwe ku cyicaro cy'Akarere. Ibyavugiwe mu nama bizajya byandikwa n'umunyamabanga w'urugaga kandi bizajya bihabwa agaciro ari uko abitabiriye inama byibuze bagera kuri kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize urugaga. Umuyobozi mukuru ashobora guhamagaza inama yihutirwa igihe bibaye ngombwa.

### 1.4.2: Gusura aho ibikorwa remezo byubatse

Urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura rushobora gusura aho ibikorwa remezo byubatse igihe bibaye ngombwa. Akarere kazajya gatanga amafaranga y'urugendo ku banyamuryango bagize urugaga bakoze urugendo rujya aho ibikorwa remezo byubatse.

## 1.5: Imyitwarire y'abagize urugaga

Ugize urugaga agomba kwemera ndetse akanishimira inshingano ze mu rugaga.

Ugize urugaga azajya yitabira inama n'ibindi bikorwa by'urugaga. Ugize urugaga ntagomba gukererwa mu nama cyangwa mu kindi gikorwa cyose cy'ingenzi hatari impamvu yumvikana kandi yabimenyesheje abo bireba mbere y'igihe. Ugize urugaga agomba kumenyesha Umuyobozi mukuru mu minsi ibiri mbere y'igikorwa.

Ugize urugaga agomba kuba ashishikajwe n'imirimo y'urugaga. Ntabwo agomba gushyira inyungu ze bwite imbere y'inyungu za rubanda kandi ntabwo agomba gufata imyanzuro kugira ngo abone inyungu z'amafaranga cyangwa izindi nyungu izo ari zo zose ku giti cye.

Ugize urugaga agomba:

1. Kudakoresha umwanya afite mu guteza imbere inyunge ze bwite cyangwa iz'umwe mu bagize umuryango we, abavandimwe, inshuti, abafatanyabikorwa mu bucuruzi bwe, cyangwa ikigo afite aho ahurira nacyo cyangwa umuvandimwe we cyangwa undi muntu bafite aho bahurira;
2. kutitabira ibikorwa bimuhemba cyangwa bitamuhemba bishobora gutuma ata umurongo wo gusohoza inshingano ze mu rugaga;
3. Kutemera cyangwa kwakira ibihembo, impano cyangwa ubwishyu bivuye ku muntu uwo ari we wese ushobora kumugiraho ububasha budakwiye ku bikorwa n'imyanzuro by'urugaga;
4. Kudasiba mu bikorwa ry'urugaga atabimenyesheje mbere;
5. Kutamena amabanga.

# UMUTWE WA 2: UBURYO BWO GUTERA INKUNGA

Uyu mutwe uvuga ku buryo bwimbitse ibikorwa by'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura bikenera inkunga, ugatanga ikigereranyo cy'ingengo y'imari kandi ukanagaragaza aho iyo ngengo y'imari ishobora kuzaturuka.

## 2.1. Ibikorwa by'urugaga bikenera inkunga

Inama (izateguwe mu gihembwe n'izitarateguwe) no gusura ahubatse ibikorwa remezo ni byo bikorwa bizakenera inkunga y'ako kanya. Amafaranga akenerwa ni ay'agahimbazamusyi (ahabwa abitabira inama n'ayitumanaho), amafaranga y'ingendo zo kujya aho ibikorwa remezo byubatse, amafunguro n'ibikoresho byo mu biro.

Inama zizajya zibera mu nyubako z'Akarere ikaba ariyo mpavu aho zizabera hatazakenera ingengo y'imari kuko hatazishyurwa.

## 2.2. Agahimbazamushyi k'abagize urugaga

Ugize urugaga witabiriye inama rusange, iya komite Nyobozi, iya komite ya tekiniki cyangwa akaba yitabiriye gusura aho ibikorwa biri azaba yemerewe agahimbazamusyi, keretse igihe haba hari itegeko ribimubuza. Amafaranga ateganijwe ni 25,000 Rwf, ariko, njyanama y'Akarere ifite uburenganzira bwo kuyahindura igashyiraho ayo yifuza.

Ugize komite y'urugaga azajya yishyurwa amafaranga yo guhamagara. Amafaranga ateganijwe ni 5,000 Rwf, ariko, Njyanama y'Akarere ifite uburenganzira bwo kuyahindura igashyiraho ayo yifuza. Ugize komite ntabwo yishyurwa amafaranga yo guhamagara:

- igihe umwanya ariho n'inshingano afite bimwemerera guhabwa amafaranga y'itumanaho;
- Igihe hari itegeko ribimubuza.

## 2.3. Ingengo y'imari y'urugaga ku mwaka

Iki gika cyerekana ikigereranyo cy'ingengo y'imari y'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura. Icyo kigereranyo gikurikiza ibi bikurikira:

(a) Inama zisanzwe zo mu gihembwe zitabirwa n'abagize urugaga bose;
(b) Amafaranga yo guhamagara ya buri kwezi ahabwa abagize komite babyemerewe gusa;
(c) Amafaranga y'ingendo zo kujya aho ibikorwa remezo byubatse (ntizirenga kabiri mu mwaka);
(d) Inama za buri gihembwe zikorwa na komite Nyobozi n'iza tekiniki.

Iyi mbonerahamwe igaragaza ikigereranyo cy'ingengo y'imari y'umwaka y'ibikorwa by'urugaga.

***Imbonerahamwe ya 1: Ikigereranyo cy'ingengo y'imari y'ibikorwa by'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura***

| Igikorwa | | Ibinyobwa | Amafaranga y'itumanaho | Agahimbazamusyi K'abitabiriye inama | Gukodesha imodoka | Ibikoresho byo mu biro | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Uduhimbazamusyi tw'inama | Komite Nyobozi | 19,200 | | 600,000 | | | **619,200** |
| | Komite Ishinzwe imali | 9,600 | | 300,000 | | | **309,600** |
| | Komite y'ikwirakwizwa ry'amazi | 12,800 | | 200,000 | | | **212,800** |
| | Komite y'Isuku n'isukura | 12,800 | | 400,000 | | | **412,800** |
| | Inama rusange | 44,800 | | 1,200,000 | | | **1,244,800** |
| Agahimbazamusyi ko gusura aho ibikorwa remezo byubatse (zitarenze 2) | | 22,400 | | 600,000 | 160,000 | | **782,400** |
| Amafaranga y'itumanaho | | | 120,000 | | | | **120,000** |
| Ibikoresho byo mu biro | | | | | | 50,000 | **50,000** |
| | | | | | | | |
| **Igiteranyo** | | **121,600** | **120,000** | **3,300,000** | **160,000** | **50,000** | **3,751,600** |

Igiteranyo cy'ikigereranyo cy'ingengo y'imari ku mwaka **ni miliyoni eshatu n'ibihumbi magana arindwi na mirongo itanu na kimwe n'amafaranga magana atandatu** y'u Rwanda.

Kugira ngo horoshywe itumanaho, Akarere karasabwa gushyira abagize urugaga mu murongo wo guhamagarana (CUG), igihe kaba kariyandikishije mu kigo cy'itumanaho.

**2.4**. **Aho inkunga y'imari izaturuka**

Uturere dutera inkunga 100% ingengo y'imari y'urugaga biturutse mu mitungo yatwo twinjiza. Amwe mu mafaranga Uturere twinjiza akubiyemo imisoro yo mu Karere, imisanzu (harimo imisanzu iva kuri ba rwiyemezamirimo batanga serivisi z'amazi n'abashinzwe imicungire y'imyanda y'ibishingwe), ihazabu, n'ibindi.

N'ubwo Uturere tuzajya dutera inkunga ingengo y'imari y'urugaga 100%, indi nkunga iyo ariyo yose cyangwa ubufasha buvuye ku bandi bafatanyabikorwa bakora ibirebana n'amazi n'isukura buremewe.

# UMUTWE WA 3: IMIRONGO NGENDERWAHO IJYANYE N' ISUZUMA N'IGENZURA

## 3.1. Intangiriro

Urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura rufite inshingano zo gukurikirana ibikorwa by'iterambere ry'amazi, isuku n'isukura ku rwego rw'Akarere kandi kugira ngo rubashe kugera ku nshingano, bisaba ko habaho imirongo ngenderwaho y'isuzuma n'igenzura.

Imirongo ngenderwaho y'isuzuma n'igenzura (M&E) izafasha urugaga mu kumenya ahantu hihariye mu Karere hasigaye inyuma kugerwaho n'ibikorwa by'amazi, isuku n'isukura kugira ngo hagenerwe ingengo y'imari.

Ikindi, imirongo ngenderwaho y'isuzuma n'igenzura (M&E) izafasha urugaga mu gusobanukirwa imikorere y'imishinga, bayikuremo isomo mu gihe yagenze neza cyangwa nabi. Ubu buryo bwo kwigira ku mishi~~a~~nga buzafasha mu gufata imyanzuro hakurikijwe amakuru y'impamo mu gihe cy'igenamigambi ndetse no mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga y'amazi, ~~i~~y'isuku n'isukura.

Ibi bikurikira nibyo bizaba ibipimo by'ifatizo by'imikorere bizifashishwa n'urugaga mu kugenzura no gusuzuma ibikorwa by'amazi, isuku n'isukura:

1. Igipimo amazi abonekeraho;
2. Igipimo isukura ryujuje ibyangombwa rigezeho;

3. Gushaka no kubyaza umusaruro amasoko y'amazi adakoreshwa;
4. Imikorere y'imiyoboro y'amazi;
5. Gukemura ibibazo bikomoka ku mitangire ya serivisi z'amazi;
6. Umubare w'ingo zifite uburyo bwo gukaraba intoki;
7. Imicungire y'ibimoteri bimenwamo imyanda;
8. Imicungire y'imisanzu.

## 3.2. Intego

Intego y'ingenzi y'imirongo ngenderwaho y'isuzuma n'igenzura ni ugufasha urugaga kugira imikorere igamije gutanga umusaruro mu mitangire ya serivisi z'amazi, isuku n'isukura mu Turere. Intego yihariye y'imirongo ngenderwaho y'isuzuma n'igenzura ni:

1. Gufasha abagize urugaga mu kumenya no kwita ku biva mu mibare iba yakusanyijwe mu byegeranyo nk'ubushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS) n'ibiro by'akarere bishinzwe ubutaka (One Stop Center);
2. Kugaragaza ibikenewe na buri Murenge mu Karere (uburyo bwo kubishyira ku murongo haherewe ku basigaye inyuma):
   a. Ibikorwa remezo by'amazi bicunzwe neza na serivisi z'ibanzez'amazi zitangwa neza;
   b. Ibikorwaremezo by'isukura bicunzwe neza n'ibyujuje ibyangombwa;
   c. Ibikoresho byifashishwa mu gukaraba intoki bikora neza kandi bifite amazi n'isabuni;
3. Gukora ubukangurambaga mu kwegeranya imibare yashingirwaho hakorwa ubuvugizi mu ku byaza umusaruro amasoko y'amazi adatunganyije;

4. Gufasha abagize urugaga mu kwita ku ntego zabo mu bikorwa byabo bya buri munsi.

### 3.3. Ubusobanuro bw'ibigaragaza ibikorwa

Imirongo ngenderwaho y'isuzuma n'igenzura (M&E) ikurikira, isobanura ibipimo umunani bigaragaza ibyo urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura rugomba gusuzuma kugira ngo hagenzurwe imikorere y'Uturere mu guteza imbere ibikorwa by'amazi, isuku n'isukura. Ibyo bipimo ni:

| **Igipimo** | **1. Igipimo cyo kubona amazi kuri buri Mudugudu, Akagari, Umurenge, n'Akarere.** |
|---|---|
| Igisobanuro cy'amagambo | Umuntu avugwa ko abona amazi iyo ashobora kuyavoma akoze urugendo rutarengeje iminota 30 ku genda no kugaruka habariwemo igihe cyo gutegereza. Isoko y'amazi igomba kuba imeze neza nk'urugero isoko itungayijwe, amazi bapompa ava mu butaka, cyangwa umuyoboro w'amazi (NWSP, 2016). |
| Aho imibare ikomoka | Ubushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS) |
| Impamvu | Amabwiriza ya Minisiteri ashyiraho urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura agaragaza ko igenamigambi riboneye ry'amazi n'isukura ari kimwe mu bikorwa Urugaga rukurikirana. Isaranganya ry'ingengo y'imari rigomba gukurikiza ibikenewe cyane mu guteza |

| | |
|---|---|
| | imbere amazi n'isukura mu Karere. Ikindi kandi, u Rwanda rugamije kongera serivisi z'amazi ku kigero cya 100% muri 2024 (NWSP, 2016).<br><br>Kugira ngo urugaga rubashe kumenya imidugudu yasigaye inyuma igomba kwitabwaho kurusha iyindi, ni ngombwa ko haboneka imibare ivuye mu bushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS) igaragaza aho buri mudugudu uhagaze mu kubona amazi. |
| **Igipimo** | **2. Igipimo cyo kubona isukura ryujuje ibyangombwa kuri buri Mudugudu, Akagari, Umurenge, n'Akarere.** |
| Igisobanuro cy'amagambo | Umuntu avugwa ko afite isukura ryujuje ibyangombwa iyo afite umusarane (icyobo gitwikiriye neza n'amabuye na sima byiza, usakaye kandi ufite aho gukarabira hari ku ntera itarenze metero 5, hari amazi n'isabuni kandi n'urugi rw'umusarani rumufasha kurinda ubuzima bwite bwe). |
| Aho imibare ikomoka | Ubushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS) |
| Impamvu | Amabwiriza ya Minisiteri y'ibikorwa remezo ashyiraho urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura agaragaza ko igenamigambi riboneye ry'amazi n'isukura ari kimwe mu bikorwa urugaga rukurikirana. Isaranganya ry'ingengo y'imari rigomba gukurikiza ibikenewe cyane mu |

| | |
|---|---|
| | guteza imbere amazi n'isukura mu Karere. Ikindi kandi, u Rwanda rugamije kongera serivisi z'isukura ryujuje ibyangombwa ku kigero cya100% muri 2024 (NWSP, 2016).<br><br>Kugira ngo urugaga rubashe kumenya Imidugudu yasigaye inyuma igomba kwitabwaho kurusha iyindi, ni ngombwa ko haboneka imibare ivuye mu bushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (muri WASH MIS) igaragaza aho buri Mudugudu uhagaze mu kubona amazi. |
| **Igipimo** | **3. Gushaka no gukoresha amasoko y'amazi adakoreshwa.** |
| Igisobanuro cy'amagambo | Isoko y'amazi idakoreshwa ni isoko itanga amazi mu buryo buhoraho ariko itanyura mu murongo wemerera abantu kuyivomaho. |
| Aho imibare ikomoka | Raporo ya komite y'abavomesha amazi |
| Impamvu | Abagize urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura bafite inshingano zo guhuza abafatanyabikorwa batera inkunga imishinga y'amazi n'isukura (WATSAN) mu gutanga ubufasha mu Karere. Mu rwego rwo korohereza abafatanyabikorwa, urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura rugomba guhuza kandi rukanagira ububiko bugaragaza imibare y'amasoko adakoreshwa ishobora kwifashishwa mu bikorwa by'ubuvugizi n'igenamigambi. |

| **Igipimo** | **4. Imikorere y'imiyoboro y'amazi mu Mudugudu, Akagari, Umurenge, n'Akarere**<br>**a. Amazi atangwa anyuze mu mpombo z'amazi**<br>**b. Amasoko yatunganyijwe**<br>**c. Amazi bapompa avuye mu butaka** |
|---|---|
| Igisobanuro cy'amagambo | Umuyoboro w'amazi ukora ni umuyoboro utanga amazi yo kuvomwa ku buryo amazi atakara aba ari make kandi ku kigero cyakwihanganirwa. Ugomba kugira ibice byose kandi bikora neza.<br><br>Igipimo cy'imikorere y'imiyoboro y'amazi kuri buri rwego rw'ubuyobozi cyizagaragaza umubare w'imiyoboro ikora n'idakora ku rwego rw'Umudugudu, Akagari, Umurenge, n'Akarere. |
| Aho imibare ikomoka | Ubushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS) |
| Impamvu | Gukora kw'imiyoboro y'amazi ni igikorwa cy'indashyikirwa cyibandwaho mu bikorwa by'urugaga. Urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura rugomba kugira inama Akarere ku buryo serivisi z'amazi zaramba, ruzirikana ko, gutuma imiyoboro y'amazi isanzweho ikora neza mu buryo bwuzuye ari iby'ingenzi. Kubera izi mpamvu, urugaga rugomba gushaka imibare (amakuru) ku mikorere y'imiyoboro y'amazi ituruka mu bushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS) rukayikoresha mu bikorwa byarwo bya buri musi. |

| **Igipimo** | **5. Gukemura ibibazo bikomoka ku ikwirakwizwa ry'amazi** |
|---|---|
| Igisobanuro cy'amagambo | Gukemura ibibazo byandikwa mu gitabo bivuze ko ibibazo byanditswe n'abafatabuguzi mu gitabo baba bashaka ubufasha bwisumbuyeho mu itangwa rya serivisi zitangwa na ba rwiyemezamirimo. Gukemura ibibazo by'abafatabuguzi mu buryo bunoze ni ikiranga imikorere myiza ya rwiyemezamirimo. Urugaga rugomba guhabwa imibare yose y'ibibazo byatanzwe n'ibyakemuwe mu gihe cyo gukora raporo. |
| Aho imibare bikomoka | Raporo za ba rwiyemezamirimo: raporo za ba rwiyemezamirimo zigomba gutanga amakuru ku bibazo byatanzwe n'ibyakemuwe mu gihe cyo gukora raporo.<br><br>Raporo za komite y'abavomesha amazi: ibibazo byagaragajwe na komite z'abavomesha amazi n'ibyakemuwe mu gihe cyo gukora raporo ku masoko yatunganyijwe n'amavomo y'amazi bapompa ava mu butaka. Izi raporo zigomba gukusanywa ku nzego zose. |
| Impamvu | Gufasha abafatabuguzi kubona serivisi zibanogeye no gukurikirana umunsi ku wundi imikorere ya ba rwiyemezamirimo ni zimwe mu ntego nyinshi zashyizweho n'amabwiriza ya Minisiteri ashyiraho urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura. Byongeye kandi, ba rwiyemezamirimo |

| | |
|---|---|
| | basabwa kugira igitabo cyandikwamo ibibazo kandi kikuzuzwa buri gihe bibaye ngombwa.<br><br>Kugira ngo ibi bigerweho, urugaga rugomba gufata kandi rugasesengura ibibazo biri mu bitabo byose kandi rukagira inama Akarere uko bikwiye. |
| **Igipimo** | **6. Umubare w'ingo zifite aho gukarabira intoki** |
| Igisobanuro cy'amagambo | Aho gukarabira intoki ni igikoresho icyo aricyo cyose cyemerera abantu gukaraba intoki hakoreshejwe amazi n'isabuni hatabayeho gukora ku cyo ayo mazi arimo.<br><br>Mu kugenzura uburyo bwiza bw'isuku ikorwa mu baturage, urugaga rugomba gukurikirana umubare w'ibikoresho byo gukaraba intoki biri muri abo baturage. Byibuze hagomba kuba hari igikoresho kimwe cyo gukaraba intoki kiri hafi y'umusarani wujuje ibyangombwa kikazajya kibarwa kuri buri rugo. |
| Aho imibare ikomoka | Ubushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS) |
| Impamvu | Gahunda yo gushyira mu bikorwa politiki y'Igihugu y'isukura yashyizeho iki gipimo kugira ngo kizagerweho ku rugero rwa 90% muri 2020 (NWSP, 2016). Mu rwego rwo gufasha Uturere mu gukurikirana uko duhagaze mu isuku, urugaga |

| | |
|---|---|
| | rugomba gusesengura imibare ku ijanisha ry'ingo zifite ibikoresho byo gukaraba intoki n'amazi n'isabuni bikora kandi byegereye imisarane. |
| **Igipimo** | **7. Imicungire y'ahamenwa imyanda** |
| Igisobanuro cy'amagambo | Ahamenwa imyanda ni ahantu imyanda ijugunywa nyuma y'uko ikusanyijwe. Mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije n'ubuzima rusange, ahantu hashyirwa imyanda hubakwa hagendewe ku bumenyi bw'impuguke atari uko hazashyirwa imyanda gusa ahubwo kubera amazi n'ibyuka bivuka bitewe n'utunyabuzima dutoya tuba turi mu myanda yahamenwe. |
| Aho imibare ikomoka | Ubushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS) |
| Impamvu | Amabwiriza ya Minisiteri ashyiraho urugaga rw'akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura agaragaza imicungire ya buri munsi y'amasezerano ya ba rwiyemezamirimo n'igenamigambi rinoze rya serivisi z'amazi n'isukura nka bimwe mu nshingano z'Urugaga. Kubera iyi mpamvu, urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura ruzakurikirana imicungire y'aho imyanda imenwa bijyanye n'intego yo gukurikirana amasezerano na ba rwiyemezamirimo. Ibi bizafasha urugaga mu gutegura no gukora ubuvugizi ku bijyanye n'isukura mu Karere. |

| **Igipimo** | **8. Imicungire y'imisanzu** |
|---|---|
| Igisobanuro cy'amagambo | Imisanzu ni ijanisha runaka ry'amafaranga rwiyemezamirimo yishyura Akarere avuye ku mafaranga yishyuje kuri serivisi z'amazi cyangwa iz'isukura zatanzwe. |
| Aho imibare ikomoka | Raporo yaba rwiyemezamirimo |
| Impamvu | Uburyo bwo gushyira mu bikorwa politiki y'u Rwanda yo gukiwrakwiza amazi bugaragaza ko ubukangurambaga bw'abashoramari muri serivisi zo gukwirakwiza amazi bukenewe cyane cyane mu byaro (NWSP, 2016). Mu kuzana ubufatanye, urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura rugomba gukora ubuvugizi bwo gukusanya imisanzu ku rwego rwo hejuru kandi igakoreshwa neza. Muri ubu buryo, urugaga rugomba kumenya igiteranyo cy'imisanzu yakusanyijwe n'imikoreshereze yayo. |

# UMUTWE WA 4: UBURYO BWO GUKORA NO GUTANGA RAPORO

## 4.1: Intangiriro

Kugira ngo urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura rugere ku ntego zarwo, nk'uko byashyizweho n'amabwiriza ya Minisiteri abigena, rukeneye kugira amakuru yizewe, agezweho kandi yuzuye kuko niyo azafasha mu gufata imyanzuro nyayo. Niyo mpamvu ari ingenzi cyane kugira uburyo bunoze bwo gukora no gutanga raporo. Amakuru (imibare) yizewe agomba gufatwa nk'ikintu cy'ibanze urugaga rukeneye kugira ngo rwubake icyizere muri raporo y'imikorere yarwo.

Gutanga amakuru bizajya bijyana n'intego cyangwa ibipimo fatizo kugira ngo Urugaga rubone uko rukora isuzuma ku buryo Akarere kari gukora mu kuzamura igipimo cy'imitangire ya serivisi z'amazi, isuku n'isukura.

## 4.2: Intego y'uburyo bwo gukora raporo

Intego y'uburyo bwo gukora raporo ni uguha urugaga uburyo bwo gukora raporo bugaragaza inzira, inshuro, n'ibigize raporo kugira ngo habeho kugenzura imikorere y'Uturere.

## 4.3. Inzira zo gukora raporo

Mu rwego rwo guharanira kugira amakuru nyayo ni ngombwa kugira inzira raporo itangirwamo. Inzira yo gukora raporo y'urugaga ikurikiza uburyo butatu bukurikira:

Intambwe ya 1: **Gukusanya imibare no kuyisesengura**

Buri komite ya tekiniki izajya ikusanya kandi isesengure imibare ya ngombwa ivuye mu bushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS). Isesengura ry'imibare y'amazi, isuku n'isukura rizakorwa hakurikijwe icyitegererezo cy'Igihugu cyane cyane gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) kandi ibyuho byagaragaye bizagaragazwa binatangwe muri raporo kuri komite Nyobozi y'urugaga.

**Intambwe ya 2: Guhuza amakuru**

Umunyamabanga akimara kwakira raporo zivuye muri komite za tekiniki, agomba kuzihuriza hamwe maze agategura raporo imwe izasuzumwa na komite Nyobozi y'urugaga kandi ikemezwa n'umuyobozi w'urugaga mbere y'uko yoherezwa muri Njyanama y'Akarere.

**Uburyo bwa 3: Kwemezwa no koherezwa kwa raporo**

Igihe raporo y'urugaga imaze kwemezwa, yoherezwa ku Karere, nako kakayohereza mu bigo bya Leta ari byo Minisiteri y'Ibikorwaremezo (MININFRA), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), Ikigo gishinzwe gutanga serivisi z'amazi n'isukura (WASAC Ltd) n'Urwego Ngenzura mikorere (RURA).

Akarere gahabwa kopi y'umwimerere ya raporo y'urugaga hamwe n'imyanzuro yafashwe kugira ngo kayishyire mu bikorwa. Uturere dutanga ibisubizo ku myanzuro y'urugaga tugatanga uburyo n'ingamba by'ishyirwa mu bikorwa kandi dutanga raporo y'aho iryo

shyirwa mu bikorwa rihagaze buri gihembwe ku Rugaga no Kuri Njyanama.





*Figure 1: Uburyo bwo gutanga raporo y'urugaga*

### 4.4. Igihe n'inshuro raporo zizajya zitangwa

a) **Raporo y'umwaka**: raporo y'umwaka izajya itangwa ku Karere mu mezi 3 ny'uma y'uko umwaka w'ingengo y'imari urangiye kandi bitarenze kuwa 30 Nzeri buri mwaka.

b) Raporo z'ibihembwe: raporo z'i bihembwe zizajya zitangwa ku Karere kandi igihe ntarengwa cyo kuba izo raporo zatanzwe ni iki gikurikira:

   a. Igihembwe cya I: 15 Ukwakira
   b. Igihembwe cya II: 15 Mutarama

c. Igihembwe cya III: 15 Mata
d. Igihembwe cya IV: 15 Nyakanga

### 4.5 Ibikubiye muri raporo y'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura

Raporo y'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura iba igizwe n'ibibazo byagaragariye mu bushyinguro bw'inyandiko z'amazi, isuku n'isukura (WASH MIS) nk'uko byagaragajwe na za komite za tekiniki ndetse n'imyanzuro yafatiwe mu nama rusange cyangwa ubuvugizi bukenewe kugirango serivisi z'amazi, isuku n'isukura zizamuke mu karere. Komite za tekiniki zizajya zisesengura imibare maze zitange raporo ku bibazo/ibyuho bijyanye na:

- Uburyo bwo kubona serivisi z'amazi, isuku n'isukura mu ngo, mu bigo nderabuzima, mu mashuri n'ahandi hose hahurira abantu benshi;
- Imicungire y'ibikorwaremezo by'amazi, isuku n'isukura;
- Imishinga yo kuzamura imitangire ya serivisi z'amazi, isuku n'isukura irimo gukorwa;
- Imicungire y'imisanzu.

# UMUTWE WA 5: INGINGO ZISOZA

## 5.1: Ikurwaho ry'ingingo

Ingingo zose zibanziriza kandi zinyuranye n'iri genamikorere zivanyweho.

## 5.2: Igihe igenamikorere ritangira gukurikizwa

Iri genamikorere rizatangira gukurikizwa ku munsi ryashyiriweho umukono n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisitiri y'Ibikorwaremezo.

Contact us:

MININFRA
KG 7 Ave
P.O. Box : 24 Kigali-Rwanda
Telephone : (+250) 252585503
Toll free line : 4287 or 0788387125
(imirongo itishyurwa)
E-mail : info@mininfra.gov.rw
Website : www.mininfra.gov.rw